

Ihame ry'icungamari mu Kugira Ubuntu



“Uha abakene ntazakena, Ariko ubirengagiza azahaga imivumo myinshi.” Imigani 28:27

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Ubuntu, webster yabyise ko ari, “ni uburyo bukwiye, biciye ku mbabazi, ku bushake no kutikunda.” Kugira neza rero ni umuco cg imyumvire dusanga kuri kamera y’umuntu. Ni igice kimwe ku itegeko ryo kubiba. Ubusanzwe abantu tuzwiho kugwa neza cg kwikubira. Kugira ubuntu rero bifitanye isano no korohereza, ariko mu buryo busobanutse. Bivuga gutanga no kubabarira; ni ugufata abandi uko wifuzako nabo bagufata. Ni ugukora akarusho. Abantu bagwa neza usanga bafite imyumvire yo gutanga—bitari amafaranga gusa, ahubwo n’igihe, impano, ndetse nabo ubwabo. Bahora bashakisha uburyo babiba mu butaka bufumbiye (abantu biteguye) aho impinduka zishobora kuba. Bahora biyegereza abantu batazwi kuko baba babona umuntu wabavamo, batarenye icyo baricyo none.

Hari ibintu bibiri Imana idashobora guha umugisha:

1. Ubugugu. Ibi bizakubuza kubiba mu by’ejo hazaza.
2. Ubunabw. Ibi bizakubuza gufata neza ibyo ufite.

Kimwe mu bintu bitandukanya Amerika n’ibindi bihugu ni “ubunini” n’ihirwe rigaragara mu gice cy’abaturage bafite ubukungu bwo hagati. Igihugu cyose gifite abakene benshi ni ukuvuga ko kitigeze cyigisha cg gitoza abaturage bacyo uwo muco mwiza wo gutanga nk’umusingi w’iterambere. Nitugwa neza rero bizadufasha guhesha abakene umugisha no kubateza imbere.

Umuntu ugwa neza ntabwo azatanga gusa ifi, ahubwo anabigisha

nuko bayiroba. Kubwe ashishikajwe n’ejo hazaza ntabwo ari none gusa. Nituramuka dufasha abakeni, umubare wabo uzikuba, nuko amaherezo, amafaranga azadushiraho turimo tugera gukora ibyiza. Hari itegeko mu buzima: ngo ikintu cyigaburirwe kirakura. Gahunda y’ubufasha bw’iwacu yarabigaragaje. Umuntu cg igihugu kigira ubuntu ntabwo azagaburira abakene gusa, ahubwo agira umwanya wo kubigisha no kubatoza amasomo abafasha guhindura imyumvire ni uko babona ubuzima, abaha icyerekezo n’ibyiringiro kugira ngo nabo bashobore kwikura mu bibazo bafite. Yesu yaravuze, “Mwuka wera ari kumwe nanjye kandi yansize amavuta ngo nkize imitima ibabaye hamwe no kuzana ubutumwa bwiza ku bakene. Ibi byose bihera ku bantu bafite ubuntu ndetse bakaba bafata n’igihe cyo gufasha abakene n’abihebye. “Ni uha abakene, ibyo uzakenera nawe uzabihabwa.” Gute se? iyo tuzamuye abakene, tuba tuzamuye abafite ubukungu bwo hagati. Ibi rero bitanga imirimo. Ibi bibahesha umushahara ubashoboza guhaha. Ibi kandi bizana abaguzi, iyo ibi bishyizwemo ngufu byubaka n’igihugu muri rusange, bityo amaherezo tukabona ibyo dukeneye. Ibi byongera abakozi benshi, ibicuruzwa byinshi,

abaguzi benshi, imirimo myinshi, na bakene bake. Usibye ko abakene bo batazabura, ntabwo bakabaye umutwaro k’umuryango mugari dutuyemo.

Ni uko rero ntugatange amafaranga cg ibiryo gusa kubakene. Uzabe umuntu urangwa n’umutima muzima umuntu ubaha inzozo n’ibyiringiro bibafasha kwikura mu bukene. Bigisha icungamari, ubuyobozi, hamwe n’ubumenyi bwabafasha kwirwanaho. Rero abagira ubugugu bahora bibonamo kuzahanganana n’abandi aho kwibonamo kunganirwa niby’abandi. Bahora bahishira inzozo zabo kubera kwikunda. Kwirengagiza abakene rero ni ukwikururira umuvumo. Gira umutima w’ubuntu rero, fasha abakene maze wakire imigisha. Inzira z’uwiteka zirakora.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Akaga muri ubu buzima si uko tudafite abakene, ahubwo akaga ni uko tutabona nk’umutungo ubwabo.

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|----|
| Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10 | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 |
| Kuki wihaye aya manota | | | | | | | | | | |
| Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe? | | | | | | | | | | |
| Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame? | | | | | | | | | | |
| Ingenzibwira kw’ ihame usoma buri muni | M | K | G | K | G | G | C | | | |

Completed

Not completed